ibuka&rengera BOSE

#StopApartheidInRwanda

Impuruza y'umuryango Ibukabose-Rengerabose, igamije kwamagana no guca irondabwoko, ihezabwoko, ivanguramoko-apartheid, n'inzigo bikurura mu mibanire hagati y'Abanyarwanda.

I Paris, 27 Mata 2019

Umuryango Ibukabose-Rengerabose ugamije kwamagana no guca irondabwoko, ihezabwoko n'ivanguramoko (Apartheid) mu Rwanda, n'inzigo bikurura mu mibanire hagati y'Abanyarwanda.

IBIKUBIYE MU MPURUZA "STOP APARTHEID IN RWANDA"

1. Ijambo ry'ibanze……2
2. Intangiriro……2
3. Irondakoko n'ivanguramoko ku ngoma ya Cyami……4
4. Irondakoko, ivanguramoko n'itotezabwoko ku ngoma za Repuburika 1962-1994……4
5. Irondakoko, ihezabwoko, ivanguramoko n'itotezabwoko ku ngoma ya FPR-Inkotanyi guhera muri Kamena 1994……5
6. Icyo amategeko ateganya ku bureshye bw'Abanyarwanda……6
7. Ese ubureshye bushimangirwa n'Itegeko-Nshinga burubahirizwa……6
8. Ikibazo cy'ivanguramoko, itoneshabwoko, ihezabwoko, n'itotezabwoko mu Rwanda guhera muri Kamena 1994 ……8
9. Ingaruka z'ivanguramoko mu Rwanda……9
10. Ubu busumbane bwubakwa na Leta kandi yabigambiriye……9
11. Ibyifuzo……12
12. Icyo umuryango Ibukabose-Rengerabose usaba Leta y'u Rwanda……12
13. Icyo umuryango Ibukabose-Rengerabose usaba Abanyarwanda muri rusange……12
14. Icyo umuryango Ibukabose-Rengerabose usaba amashyaka ya politike n'amashyirahamwe yigenga ya sosiyete sivile nyarwanda……13
15. Icyo umuryango Ibukabose-Rengerabose usaba LONI n'indi miryango mpuzamahanga……15
16. Ibyitonderwa……18
17. Umugereka : imvo n'imvano, amateka n'amahame y'umuryango Ibukabose-Rengerabose……20

IJAMBO RY'IBANZE

Banyarwandakazi, Banyarwanda,

Banyamuryango ba Fondation Ibukabose-Rengerabose, aho muri hose kw'isi,

Nshuti bafatanya-bikorwa muri mu Rwanda no mu mahanga,

Namwe mwese mudasiba kudushyigikira mu buryo bunyuranye,

Mbere ya byose, turashimira abadufashije gutegura no gukosora iyi mpuruza mu bitekerezo no mu bugororangingo bwayo, baba batuye mu Rwanda cyangwa mu mahanga. Ntitwiriwe tubarondora, bariyizi.

Iyi mpuruza isohotse mu gihe hashize imyaka 25 ishyano ry'itsembabwoko rigwiriye u Rwanda n'Abanyarwanda.

Twunamiye Abanyarwanda bose bakorewe iyicwarubozo, itsembabantu n'itsembabwoko mu mwaka wa 1994, mbere yaho na nyuma yaho, haba mu Rwanda, muri Congo ndetse n'abasanzwe mu bindi bihugu bakicwa n'ingoma ya FPR-Inkotanyi bazira impamvu za politike.

Twunamiye kandi abacu baguye mu ntambara, abapfiriye mw'iraswa ry'indege ya prezida wa Republika Yuvenali Habyarimana, Prezida wa Republika y'u Burundi Cyprien Ntaryamira, n'abo bari kumwe bose.

Twifatanyije n'Abanyarwanda bose bacitse kw'icumu, batabawe n'Imana n'abagiraneza babavanye mu menyo ya rubamba, mu gihe abagome bashakaga kubarimbura.

Nubwo iyi mpuruza itangarijwe iki gihe, ntigomba kubangamira imihango y'icyunamo Abanyarwanda turimo. Ibitekerezo bikubiyemo byateguwe cyera ariko ntibyatangazwa kubera impamvu zinyuranye.

Ntitwakwirengagiza na none ko iyi Impuruza **"*Stop Apartheid In Rwanda*"** isohotse mu gihe twibuka isabukuru ya 24 y'icibwa rya Apartheid muri Afurika y'Epfo, nyuma yuko Impirimbanyi zari zirangajwe imbere n'intwari Nelson Mandela zahiritse ivanguramoko ryari ryaramunze *« Igihugu cy'umukororombya »*.

INTANGIRIRO

Nkuko tumaze iminsi tubateguza, Umuryango Ibukabose-Rengerabose utangije igikorwa cyo kwamagana no kurwanya ihezwa n'ivanguramoko mu butegetsi, mu mihango yo kwibuka inzirakarengane, mu butabera, mu mfashanyo zihabwa abasenyewe, abahekuwe n'ubwicanyi bw'indengakamere bwayogoje u Rwanda, n'ingaruka z'iryo vangura mu mibanire hagati y'Abanyarwanda.

Mu kinyejana gishize, amateka y'u Rwanda yakunze kurangwa n'umwiryane, n'intambara. Abanyarwanda basubiranyemo, barahekurana.

Inkomoko y'ayo mahano ni irari ritera udutsiko tw'abantu bahuriye ku bwoko cyangwa ku karere, bikubira ubutegetsi. Nkuko byagiye bigaragara ku ngoma zasimburanye muri

icyo kinyejana, utwo dutsiko twagiye dukora ibishoboka byose tugatsimbarara ku butegetsi hakoreshejwe ikandamiza, iterabwoba, itoteza, ivanguramoko n'uturere, akarengane, igitugu, ukutavugirwamo, kutubahiriza uburenganzira bw'ikiremwamuntu, kurengera ububasha bahabwa n'amategeko bishyiriyeho, n'intambara zivanze n'ihonyoramuntu.

Abanyarwanda muri rusange twavuga ko bakomeje kuba ingaruzwamuheto, kuko batigeze bahabwa ubwinyagambure ngo batange ibitekerezo byubaka, ahubwo baratotezwa, bagafungwa, bakicwa, abandi bakameneshwa mu gihugu cyabo bagahinduka impunzi cyangwa inyangazi zitagira igihugu (apatrides).

Ubwicanyi bwarenze inkombe mu ntambara yabaye hagati ya 1990 na 1994, aho abarasanaga batatiye igihango cy'u Rwanda, bakoshya abatoni babo kwica abo badahuje ubwoko, akarere cyangwa ibitekerezo bya politiki. Iryo shyano ryarakomeje kugera n'aho byarenze imipaka y'igihugu, maze abayobozi b'u Rwanda batangira gukurikirana impunzi mu bihugu zahungiyemo bagamije kuzitikiza no kuzigirira nabi. Ibintu bitigeze bibaho mu mateka no mu muco w'u Rwanda.

Ntaho byari byigeze biboneka ko ubutegetsi bukurikirana impunzi, bukazihiga bunyamaswa bugamije kuzitsemba. Yewe no mu muco w'Abanyarwanda cyaraziraga ko umuhigi yakurikirana inyamaswa igihe imuhungiye mu nzu cyangwa mu buvumo.

Ubwicanyi ntibwahagarariye aho. Mu myaka yakurikiye intambara n'itsembabwoko muri 1994, abantu bakomeje kwicwa urubozo kandi urujya n'uruza, bazira impamvu zitandukanye, ariko **ikibazo cy'amoko kigakomeza kubyihisha inyuma**.

Kubera izo mpamvu zose, umuryango Ibukabose-Rengerabose watangiye *gukusanya, kwiga no gutanga ibitekerezo n'ibisubizo ku bibazo by'ingutu bikurura ipfunwe, umujinya, inzangano no gusuzugurana hagati y'Abanyarwanda, nkuko byagiye bihungabanya ubumwe n'amahoro mu gihugu cyacu.*

By'umwihariko, muri iyi nyandiko, twe abagize umuryango Ibukabose-Rengerabose, twiyemeje gusesengura imiterere y'ikibazo cy'ivanguramoko ryabaye karande muri iki kinyejana gishize (1918-2018) cyagiye gikurura intambara z'urudaca hagati y'Abahutu n'Abatutsi, kenshi bigaterwa n'amakimbirane y'abarwanira ubutegetsi bayitwaza.
Nubwo turi bwige uko icyo kibazo cyari giteye mbere ya 1994, ahanini turibanda ku miterere y'ivanguramoko kuva aho FPR-Inkotanyi ifatiye ubutegetsi kugeza aya magingo.

1. IRONDAKOKO N'IVANGURAMOKO KU NGOMA YA CYAMI

Mbere ya 1959, amateka y'u Rwanda agaragaza ko u Rwanda rwayoborwaga n'umwami n'ibyegera bye, hafi ya bose bakomokaga mu bwoko bw'Abatutsi. Nubwo umwaduko w'abazungu n'amadini mvaburaya byatumye ibintu bigenda bihinduka buhoro buhoro, bigafasha Abahutu imbarwa gusesera mu myugariro y'ubutegetsi, ndetse bamwe muri bo bakagera ku myanya y'ubuyobozi, ntibibuza ko bakomeje kubarirwa ku ntoki, gusuzugurwa, kutizerwa kugeza ku mpindura yo muri 1959. Icyo gihe cyose, nubwo batabigaragazaga, bari bafite ipfunwe rikomeye ryo kuba barahezwaga mu nzego z'ubuyobozi mu gihugu bari baganjemo ubwinshi. Koko rero, ibyiza byinshi byari mu maboko ya bake b'indobanure z'Abatutsi: amasambu, ibikingi, amashyo y'inka n'andi matungo, uburezi mu mashuri yisumbuye y'indatwa, ubutegetsi, n'imyanya mu bikorwa bya leta. Mu magambo ahinnye, twavuga ko bari barigijweyo mu butegetsi, mu bukungu no mu mibereho myiza y'abaturarwanda.

Niyo mpamvu impinduramatwara yo muri 1959 yazanye inkubiri, imyivumbagatanyo y'Abahutu n'Abatutsi barebaga kure, igakuraho ubutegetsi bwa cyami. Nyamara hari aho bitagenze neza, mu gihe iyo Révolution yageze aho ikabyara irindi vanguramoko ryaberaga Abahutu rigahohotera Abatutsi bitiranywaga n'ubwami bwari bumaze gukomorwa.

2. IRONDAKOKO, IVANGURAMOKO N'ITOTEZABWOKO KU NGOMA ZA REPUBURIKA 1962-1994

Nyuma y'impinduramatwara yo muri 1959, benshi bari biteze ko ibintu bigiye guhinduka kugeza mu mizi y'ikibazo cy'imibanire y'amoko mu Rwanda, Abanyarwanda bose bakareshya, ironda n'ivanguramoko bigacika burundu mu Rwanda.

Ingoma zihinduye imirishyo, abari abagaragu n'abacakara bihimuye ku babahatse imyaka irenga amagana, bigera naho Abatutsi bose bishyuye ibibi byose Abahutu baryozaga ubwami bw'ingoma nyiginya n'ibikomangoma byayo.

Rya pfunwe, ka gasuzuguro, wa mujinya, rwa rwango rwari rumaze ibinyejana rututumba kubera ihezwa ryakorerwaga igice kinini cy'Abanyarwanda, byahindutse muyaga yahitanaga byose.
Abatutsi benshi barishwe, mu nkubiri ya revolisiyo ya 1959, muri 1963, 1964, 1965, abandi barameneshwejwe muri 1972 – 1973, bahunga urwababyaye, abandi barugumamo ariko bashinyiriza, baseka kandi bababaye, kubera ihezwa n'ivanguramoko bakorerwaga mu nzego z'ubutegetsi, mu mashuri, mu mirimo ya Leta, mu gisilikare, mu gipolisi cyaje guhinduka gendarmerie, no mu zindi nzego zose zishinzwe umutekano n'ubusugire w'igihugu (souveraineté nationale).

Abatwa bo nta gahunda ya politiki igaragara yigeze ibagenerwa ngo ibaheshe agaciro ka muntu haba ku ngoma z'ibwami aho bari baragizwe ibisumizi by'abahotozi bakorera ingoma y'umwami, haba no muri leta za Republika ebyiri zabanjirije leta y'isisibiranya ya FPR-Inkotanyi.

Leta zasimburanye kuva ku bwigenge bw'u Rwanda muri 1962 kugeza muri 1994, zakoze ikosa rikomeye ryo kwirengagiza akababaro n'ipfunwe Abatutsi bari barasigaye mu Rwanda baterwaga no guhezwa mu nzego z'ubutegetsi bw'igihugu.

Irindi kosa ni ugutinda kubonera umuti wo kurangiza burundu ikibazo cy'impunzi z'Abatutsi zari zimaze kuba nyinshi cyane mu bihugu bihana imbibi n'u Rwanda. Ari nayo nkomoko y'intambara yagabwe na FPR-Inkotanyi muri 1990, igasozwa n'ubwicanyi ndengakamere bwabyaye jenoside yo muri 1994.

Nubwo ivangura n'ihezabwoko bidahagije kugira ngo umuntu yumve imvo n'imvano za jenoside n'intambara yayibanjirije, umuntu wese uzi gusesengura amateka kandi utirengagiza ukuri, yakwemeza ko ubushyamirane hagati y'amoko y'Abahutu n'Abatutsi byaranze amateka y'u Rwanda bifite inkomoko y'umwihariko mu myifatire y'abayoboye igihugu cyacu, ku mibanire hagati y'amoko y'inyabutatu agituye kuva cyabaho kugeza aya magingo.

3. IRONDAKOKO, IHEZABWOKO, IVANGURAMOKO N'ITOTEZABWOKO KU NGOMA YA FPR-INKOTANYI GUHERA MURI KAMENA 1994.

Aho ifatiye ubutegetsi, FPR-Inkotanyi yaje ivuga ko ifite imigambi yo gusana ibyatannye, ikoomora ibikomere u Rwanda rwatewe n'intambara na jenoside. Tutiriwe dusesengura ibyabaye byose, reka turebe aho ikibazo cy'ivanguramoko kigeze muri ibi bihe.

Ibibazo twibaza ni ibikurikira :

- Nyuma y'imyaka 25 itsembabantu n'itsembabwoko ryiswe jenoside y'Abatutsi ribaye mu Rwanda, imibanire hagati y'Abanyarwanda yifashe ite mu ntangiriro z'uyu mwaka wa 2019 ?
- Itegekonshinga riteganya iki ku ngingo yo kureshyeshya Abanyarwanda imbere y'amategeko ?
- Leta isanzwe ifite inshingano yo kureshyeshya, guha Abanyarwanda bose agaciro kareshya n'iringaniza mu mibereho myiza yabo, ibyifatamo ite ?
- Ese Abanyarwanda BOSE banganya uburenganzira imbere y'amategeko ?
- Abanyarwanda babaye batareshya imbere y'amategeko n'ubutegetsi, mu burenganzira bwabo nk'abavukarwanda, byaba biterwa n'iki ?
- Irondakoko, ihezabwoko n'ivanguramoko biteye bite mu Rwanda rw'ubu?
- Ubutegetsi n'inzego za Leta zaba zibifitemo uruhe ruhare?
- Hakorwa iki ngo Abanyarwanda babane mu mahoro, mu bumwe, uburinganire bwuzuzanya mu nzego zose, umunyarwanda akibona mu butegetsi no mu bayobozi, akagera ku mutuzo n'umutekano, aho atarara akebaguza, umutima utera hejuru, yikanga gushimutwa cyangwa kwicwa n'inzego z'ubutegetsi azira ubwoko akomokamo cyangwa ibitekerezo bya politike mu gihugu cyamubyaye ?

Nibyo tugiye gusesengura mu magambo ahinnye :

4. AMATEGEKO ATEGANYA IKI KU BURESHYE BW'ABANYARWANDA ?

Mu ngingo zaryo za 15 na 16, Itegeko-Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo muri 2003 ryavuguruwe muri 2015 riteganya ibikurikira :

- **Ingingo ya 15: Kureshya imbere y'amategeko**
  Abantu bose barareshya imbere y'amategeko. Itegeko ribarengera ku buryo bumwe.

- **Ingingo ya 16: Kurindwa ivangura**
  Abanyarwanda bose bavukana kandi bagakomeza kugira uburenganzira n'ubwisanzure bingana.
  Ivangura iryo ari ryo ryose cyangwa kurikwirakwiza byaba bishingiye ku bwoko, ku muryango cyangwa ku gisekuru, ku nzu, ku ibara ry'umubiri, ku gitsina, ku karere, ku byiciro by'ubukungu, ku idini cyangwa ukwemera, ku bitekerezo, ku mutungo, ku itandukaniro ry'umuco, ku rurimi, ku bukungu, ku bumuga bw'umubiri cyangwa ubwo mu mutwe no ku rindi vangura iryo ari ryo ryose, birabujijwe kandi bihanwa n'amategeko.

5. ESE UBURESHYE BUSHIMANGIRWA N'ITEGEKO-NSHINGA BURUBAHIRIZWA ?

Ubuhamya bwa bamwe bari mu bushorishori bw'ubutegetsi bwa FPR Inkotanyi.

RWANDA BRIEFING - Kw'italilki ya 2 Kanama 2012, bamwe mu abahoze ari abayobozi bakuru mw'ishyaka rya FPR bashyize hanze inyandiko bise RWANDA BRIEFING. Muri iyo nyandiko basobanuye mu buhamya batanze ku byerekeranye uburyo politiki, ubukungu ndetse n'imibereho y'Abanyarwanda bihagaze mu Rwanda.

Turebye imirimo abasinye iyo nyandiko bari bashinzwe muri FPR bafatanyije n'umukuru w'igihugu Paul Kagame, haba mu bihe bya mbere cyangwa nyuma y' intambara bashoje ku butegetsi bwa Hayarimana, byerekana ko ntawashidikanya ku kuri gukubiye mu buhamya bwabo.

Abo batangabuhamya uko ari bane, ni abo mu bwoko bw 'Abatutsi bakuriye mu buhungiro i Bugande. Ni bamwe mu bahoze bakomeye cyane mu butegetsi bwa FPR buyoboye igihugu cy'u Rwanda kugeza uyu munsi.

1. Jenerali Kayumba Nyamwasa, yahoze ari umukuru w'ingabo, z'u Rwanda akaba ariwe wari nimero ya kabiri mu butegetsi bwa FPR. Yabaye ambasaderi ubwo yari ahagarariye u Rwanda mu Buhindi;
2. Coloneli Patrick Karegeya, wari ushinzwe urwego rw' ubutasi hanze y'igihugu;
3. Bwana Gerarld Gahima, umushinjacyaha mukuru nyuma ya jenoside yo muri 1994;

4. Dr Théogene Rudasingwa, umunyamabanga mukuru wa FPR, yabaye ambasaderi w'u Rwanda muri leta zunze ubumwe z'Amerika, yabaye umuyobozi mukuru ushinzwe ibiro by'umukuru w'igihugu Paul Kagame.

Abo bagabo uko aru 4 bashyize umukono kuri yo nyandiko RWANDA BRIEFING, ku rupapuro rwa 15-16, baragaragaza ikibazo gikomeye gishingiye ku ivangura ry'amoko hagati y'Abahutu n'Abatutsi, aho basobanura uko Abahutu bakandamizwa kandi bagakumirwa mu nzego zose.

Kubera ko iyo nyandiko iri mu rurimi rw'icyongereza, twabashije kuyihindura mu kinyarwanda nkuko mubisoma ahakurikira.

Banditse bagira bati :

> *« Ubutegetsi bw'igitugu bwa guverinoma y'u Rwanda bushingiye kuri gahunda ya politiki idasanzwe.*
>
> *Leta y'u Rwanda yerekana ko ubutegetsi bwayo bushingiye kuri demokarasi, ariko ubutegetsi nyabwo bufitwe n'umukuru w'igihugu n'agatsiko k'abasilikari bakuru ndetse n'abasivili bake b'inkoramutima ze.*
>
> *Nkuko biza kugaragara hasi muri iyi nyandiko, u Rwanda ruyobowe na guverinoma ebyiri zikora ku buryo butandukanye :*
>
> *Hari guverinoma yashyizweho ku mugaragaro hakaba n'indi guverinoma itagaragarira abaturage ikorera mu ibanga. Iyo guverinoma ya kabiri niyo igena, ikanategeka ibyo iyo guverinoma twerekwa ishyira mu bikorwa.*
>
> *Umukuru w'igihugu Paul Kagame n'ibyegera bye nibo bagize iyo guverinoma ya kabiri. Abo nibo bikubira ubutegetsi bagaheza abaturage ndetse bakanabakandamiza babima uburenganzira mu byerekeranye no gukora politiki.*
>
> *Abagize iyo guverinoma itagaragara bose bakomoka mu bwoko bw'agatsiko k'Abatutsi.*
>
> *Abanyarwanda bakomoka mu bwoko bwose babaye ibitambo by'igitugu cy'ubutegetsi buriho mu Rwanda.*
>
> *Ako gatsiko kayoboye leta y'u Rwanda ntikareba, ntikanarengera inyungu z'Abatutsi bose nkuko babyifuza. Hari uruhande rumwe mu bwoko bw'Abahutu bwungukira mu butegetsi bitewe n'ubushake bwa Paul Kagame. Ariko ikigaragara ni uko guverinoma y'u Rwanda yiganjemo Abatutsi. Abatutsi nibo bagize itsinda rigize akazu kayoboye u Rwanda.*
>
> *Abatutsi nibo biganje cyane mu nzego za leta ku buryo bwihariye. Ni nabo kandi bari mu nzego z'ubuyobozi za gisilikari ndeze n'iz'umutekano. Ubwo buyobozi bw'izo nzego zitegekwa n'Abatutsi gusa ni ryo pfundo ryo gukomeza kwimakaza ingoma y'igitugu ya Paul Kagame.*
>
> *Abinyujije muri guverinoma Kagame ashyiraho mu nzego z'ubuyobozi za gisivili Abatutsi gusa ku buryo busumbanye. Abaturage bo mu bwoko bw'Abahutu babona ko ubutegetsi bwiganje mu maboko y'ubwoko bw'Abatutsi kandi babona ko nta burenganzira bafite mu nzego zose.*

FPR ntiyabashije gushyiraho umurongo wa politiki uhuriwemo n'Abanyarwanda bose, icyo yakoze ni ukwimakaza ubutegetsi bw'igitugu buyobowe n'agatsiko k'Abatutsi bake.

Nyuma y'amatora yo muri 2003, urubuga rwo kwisanzura muri politiki rwashubijwe inyuma aho kugira ngo rutezwe imbere. Ibyo byatumye abakomoka mu bwoko bw'Abahutu bakomeza kudindizwa no kubuzwa uburenganzira bwo gukora politiki.

FPR ku butegetsi bwa Kagame ntiyabashije kuyobokwa cyane no gutuma abaturage bayigirira icyizere. Abahutu barahejwe ku buryo bugaragara mu buyobozi no mu nzego z'ubutegetsi. Abahutu babashije kujya mu butegetsi babaye ibikoresho ku buryo batagirirwa icyizere n'abandi bahutu kuko badashobora no kubavuganira.

Bahabwa imirimo rimwe na rimwe mu gihe gito kugirango bigaragare ko muri guverinoma harimo amoko yose ko bagira demokarasi. Abahutu babona ko FPR ari agatsiko k'Abatutsi biyemeje gukandamiza ubwoko bw'Abahutu.

Iyo guverinoma ntifatwa nk'aho yemewe n'Abanyarwanda benshi cyane cyane abo mu bwoko bw'Abahutu ntibayiyumvamo. »

Ubuhamya bw'abashinze ishyaka Ihuriro Nyarwanda (RNC) bufite ishingiro kandi bwaje bushimangira ibyo IBUKABOSE - RENGERABOSE itahwemye kugaragaza no kwamagana kuva kera. Ntitwahwemye kwerekana ko ivanguramoko ridindiza ubumwe bw'abenegihugu, rigakurura inzangano n'inzigo z'igihe kirekire mu baturarwanda.

6. IKIBAZO CY'IVANGURAMOKO, ITONESHABWOKO, IHEZABWOKO, N'ITOTEZABWOKO MU RWANDA GUHERA MURI KAMENA 1994.

Nyuma y'ubwicanyi kirimbuzi bwabaye muri 1994, bukibasira Abatutsi mu gice cy'ubutaka bwategekagwa na leta y'u Rwanda icyo gihe, amahanga yemeje ko habayeho itsembabwoko ryakorewe Abanyarwanda bakomoka mu bwoko bw'Abatutsi bari basanzwe batuye mu Rwanda. Loni ibisabwe na Leta ya FPR ntiyazuyaje, kuko yahise ishyiraho urukiko mpuzamahanga rushinzwe gukurikirana no guhana abaregwaga kuba baragize uruhare muri ubwo bwicanyi. Mu Rwanda naho hagiyeho inkiko Gacaca zari sishinzwe gukurikirana abishe inzirakarengane z'Abatutsi.

Mu gihe Abatutsi barimburwaga bunyamaswa, ku rundi ruhande rw'u Rwanda rwayoborwaga n'inyeshyamba za FPR-Inkotanyi, naho haberaga ubwicanyi ndengakamere bwibasiraga Abanyarwanda bakomoka mu bwoko bw'Abahutu bicwaga bunyamaswa. Nubwo amaperereza anyuranye yagaragaje ko ibyo byaha nabyo byakwitwa itsembabantu cyangwa itsembabwoko, Leta y'u Rwanda iyobowe na FPR yiganjemo Abatutsi b'intagororwa, ntiyigeze ishishikazwa no kurengera izi nzirakarengane z'Abahutu kugira ngo nazo zigerweho n'ubutabera mpuzamahanga ndetse n'ubwa Gacaca mu Rwanda. Iyi mikorere niryo **shingiro-remezo** ry'ivanguramoko rikorerwa Abahutu mu buzima bwa buri munsi.

Ukurikiranye ikibazo cy'ubwo butabera nabwo, usanga butarazanye igisubizo ahubwo bwarongereye umworera uri hagati y'Abahutu n'Abatutsi. Nk'urugero mu Rwanda usibye ubutegetsi bwa FPR-Inkotanyi buvuga ko inkiko Gacaca zageze ku ntego ku rugero rushimishije, abaturage baciriwe imanza n'inkiko Gacaca, iyo uvuze ijambo "Gacaca"

bumva Ubucamanza bwari bugamije kwihimura ku Bahutu! Usibye kuba hari benshi barenganiyemo, Gacaca yanifashishijwe mu kunyaga imitungo y'abaturage benshi bo mu bwoko bw'Abahutu, inongera urwangano hagati y'amoko yombi.

7. INGARUKA Z'IVANGURAMOKO MU RWANDA

Iri vanguramoko ntaho ritaniye n'irya Apartheid yayogoje imitima y'abanyafurika y'Epfo yatumye abazungu bagira *AMAJYAMBERE YABO* BIHARIYE (**WHITES ONLY**), haba mu mashuli no mu buzima busanzwe. Birazwi ko ubumenyi ari isima yubakirwamo imibereho myiza ku babufite, naho abatarahawe amahirwe yo kugezwaho ubumenyi bagahera mw'icuraburindi no mu mwijima w'ubujiji.

8. UBU BUSUMBANE BWUBAKWA NA LETA KANDI YABIGAMBIRIYE

Uko imyaka igenda isimburana, iri vanguramoko rigenda ribyara akarengane n'ubusumbane karânde bwiyongera uko ibinyejana bigenda bisimburana, bityo hakabaho Abanyarwanda b'***INDATWA*** bazi ubwenge bwa kijyambere, mu gihe abandi basigara inyuma y'amateka nkuko byagendekeye Abatwa kubera ko bavukijwe uburezi bufite ireme n'amahirwe angana yo gukoresha n'ubwo buvungukira batoraguye ku ntebe y'ishuri!

Imyuga myiza, imishahara myiza ikaba iy'abize, bivuga ko n'imibereho myiza yiharirwa na bamwe, bageraho bakiyumvamo ko basumba abandi, naho abatarahawe ibyo byiza bakiyumvamo ko ari ibicibwa.

1. Inzego za Leta n'iz'ubutegetsi (organes de l'Etat) ni iz'agatsiko k'indobanure ; Imikorere yazo irangwa n'ubwiru (huis clos) ;
2. Guhera muri 1994, FPR-INKOTANYI yarimbuye Abahutu batagira ingano mu mpande yari yarafashe, ikomeza mu gihugu cyose ubwo bwicanyi bwa kirimbuzi na nyuma ya 1994 kugeza naho yakurikiranye impunzi z'Abahutu muri Zaïre /RDCONGO ikazitsembatsemberayo, ubwo bwicanyi Loni ikaba yarahamije ko bwagombye kwitwa jenoside umunsi abicanyi babukoze bazakurikiranwa n'ubucamanza mpuzamahanga;
3. Kuvuga ko mu Rwanda nta moko akibaho ni ikinyoma cyo gukingiriza no guhisha ivanguramoko ryihishe inyuma y'ijambo "jenoside" ; ntibiha n'igisobanuro "Jenoside yakorewe Abatutsi" Kuko niba nta moko aba mu Rwanda,ubwo n'Abatutsi si Ubwoko…kubwibyo hakabayeho "Jenoside y'Abanyarwanda.
4. Inzego z'umutekano hafi ya zose ziri mu maboko y'Abatutsi b'abatoni ba Paul Kagame ;
5. Akazi keza kose ka Leta n'ibigo bya Leta hafi ya byose biyoborwa n'agatsiko k'Abatutsi b'indobanure bayobowe na jenerali Paul Kagame ukoresha Jenoside y'Abatutsi nk'urwitwazo rw'ivanguramoko, urwitwazo rwo gukandamiza Abanyarwanda ;
6. Kwitwaza jenoside bifasha ingoma ya FPR gucecekesha, gutoteza, kwica, kwambura umutungo abanyapolitike, abihayimana, abanyemali n'abanyamakuru

b'Abatutsi, babacyurira ko Inkotanyi zirusha Imana agaciro ngo kuko arizo zaba zarahagaritse jenoside ;

7. Gutera ubwoba Abatutsi babakangisha ko nibadashyigikira ingoma y'agatsiko k'indobanure bishobora gutuma Abahutu babihimura ndetse bakongera gutsemba Abatutsi ;
8. Ijambo "Abacikacumu" ryahariwe abarokotse jenoside y'Abatutsi ku buryo iryo jambo ryahindutse nka ya makarita y'indangamuntu ya kera yagaragazaga ubwoko bwa buri munyarwanda ;
9. Gushyira Abanyarwanda mu matsinda y'ubudehe hakurikijwe umutungo nabyo bihishe ivanguramoko risumbanya Abanyarwanda ;
10. Kugereka jenoside ku bakomoka mu bwoko bw'Abahutu bose, bityo ubwo bwoko bugahindurwa ruvumwa bitagira iherezo ;
11. Kubera kubahamya icyaha cya jenoside y'Abatutsi, Abahutu bafungwa nta mpamvu bakanategekwa gusaba imbabazi mu ruhame bishingiye gusa ku bwoko bavutsemo ;
12. Kubahatira gusaba imbabazi ndetse n'ababakomokaho bagategekwa guhora basaba imbabazi, ni uburyo bwo guhoza Abanyarwanda bo mu bwoko bw'Abahutu, mu cyaha cy'inkomoko karande. Ibyo binyuranye n'uburenganzira bwa muntu kuko icyaha ni gatozi, si karande ni icya nyirukugikora iyo kimuhamye ;
13. Abahutu biciwe ababo bambuwe uburenganzira bwo gushyingura mu cyubahiro, kuririra no kwibuka inzirakarengane zo mu miryango yabo. Iri ni ivanguramoko ridashobora kwihanganirwa ;
14. Kubera ukwo kwitwaza jenoside y'Abatutsi, ubuzima bw'Abahutu ntibuhabwa agaciro nk'ak'abavandimwe babo b'Abatutsi, ari nayo mpamvu iyo inzego z'igisilikare na polisi zishe Abahutu zidakurikiranwa ntizinahanwe ;
15. Imfubyi n'abapfakazi b'Abahutu bishwe n'ingabo za prezida Paul Kagame ntizigeze zifashwa nk'imfubyi n'abapfakazi b'Abatutsi. Aba bo bubakiwe amazu, bafashwa na FARG biciye mu miryango AERG, AVEGA, Ibuka, n'izindi mfashanyo zituruka mu mahanga zirimo buruse zo kwiga, kuvurirwa ubuntu, no kwishyurirwa mitiweri ;
16. Gukenesha Abahutu bamburwa imitungo yabo mu buryo bunyuranye n'amategeko na none hitwajwe ahanini kurangiza imanza z'imitungo yaburanwe muri gacaca. Aho hagiye habaho kugena no guhimba imitungo y'umurengera, ukabona ko bisa nk'ibigambiriye kwigarurira imitungo y'Abahutu ;
17. Ivangura mu muco n'indimi: kwimakaza ururimi rw'icyongereza bagapfobya izindi ndimi zari zisanzwe zikoreshwa n'Abanyarwanda bari batuye mu Rwanda mbere ya 94. Ibyo byagize ingaruka zikomeye ku bantu bari barize kandi bari basanzwe bakoresha urwo rurimi! Ibyo kandi byanagize ingaruka ku burezi kubera guhindagura izo ndimi hagamijwe gusa guha amahirwe abari batahutse mu gihugu barize mu rurimi rw'icyongereza, hirengagizwa abari basanzwe mu gihugu, ndetse n'abari batahutse mu gihugu, bari barize mu gifaransa!
18. Ngo nta moko akibaho? Ngo clans zarimo bose? Ngo Abahutu bari abakene naho Abatutsi bakaba abakire? Iyo tuvuga jenoside mu Rwanda, tuba tuvuga iyakorewe ubwoko runaka. Nukuvuga rero ko amoko abaho. Ntiwavuga ngo nta moko yigeze abaho mu Rwanda nibucya uvuge ko Abatutsi bakorewe jenoside, kandi ikorwa

n'Abahutu b'intagondwa. Kuvuga ibyo ubwabyo birahagije kugira ngo hatagira n'uhakana ko amoko abaho.

19. Ntiwavuga ngo nta moko abaho, nurangiza uvuge ngo habayeho jenoside y'Abatutsi, ngo hari abacikacumu b'Abatutsi, abana bafashwa n'imiryango irengera inyungu z'abacitse ku icumu rya jenoside yakorewe Abatutsi nka FARG, AERG, na IBUKA.
20. Umunsi Leta y'u Rwanda yemeje ko nta moko akibaho, yagombaga kuvana amagambo Abatutsi, Abahutu, Abatwa mu magambo akoreshwa mu Rwanda, ikavanaho imiryango yose ituma abakomoka mu bwoko bumwe bahurira mu mashyirahamwe y'umwihariko mu buryo bugaragaza ko ubwo bwoko butoneshwa.

9. IBYIFUZO

- ### ICYO UMURYANGO IBUKABOSE-RENGERABOSE USABA LETA Y'URWANDA

Ushingiye kuri ibi bivuzwe haruguru n'izindi gahunda zitsikamira Abanyarwanda zashyizwe imbere na FPR,

- **Umuryango Ibukabose-Rengerabose** urasaba bikomeje guverinoma ya FPR-Inkotanyi, Abanyarwanda n'umuryango mpuzamahanga, gushyigikira ko habaho bidatinze **ibiganiro byaguye byahuza Abanyarwanda b'ingeri zose**. Ibi biganiro ni ingenzi kugira ngo Abanyarwanda twiyunge, tubane mu mahoro, dutsinde urwango, inzika n'inzigo, maze dushobore kubaka umubano urambye hagati yacu, duhashye irondakoko, irondakarere n'irondamiryango, duce akarengane mu Banyarwanda duharanira ukuri n'ubutabera butabogama, dufatane urunana mu kubaka ibizarama bityo tuzarage abadukomokaho igihugu Abanyarwanda bose bibonamo, kizira umwiryane kandi kibana neza n'ibihugu by'abaturanyi.
- Leta y'u Rwanda isabwe guca burundu kandi byihutirwa ivanguramoko risa na Apartheid ryemerera Abanyarwanda bo mu bwoko bw'Abatutsi bazize itsembabwoko ryo muri 1994 bonyine uburenganzira bwo kwibuka ababo mu cyubahiro no kubarengera mu Ubutabera, nyamara abakomoka mu bwoko bw'Abahutu bazize itsembabwoko, n'Abatwa ndetse n'Abatutsi bishwe n'ingabo za FPR-Inkotanyi bo bakaba batemerewe gushyingura no kwibuka ababo mu cyubahiro no kubarengera mu Ubutabera.
- Guverinoma y'u Rwanda isabwe kugorora Gahunda ya *"Ndi umunyarwanda"*, ubutegetsi bukemeza ko inzirakarengane zigomba gufatwa kimwe mu mihango yo kuzibuka no kuziha icyubahiro kireshya imbere y'ubutegetsi n'Ubutaberan nta vanguramoko.
- Guverinoma y'u Rwanda isabwe guhindura byihutirwa amahame ya gahunda ya *"Ndi umunyarwanda"*, kugira ngo aho kwimakaza politiki ya *Apartheid,* ahubwo *"Ndi umunyarwanda"* ibe iyo kuringaniza Abanyarwanda no kubasangiza ibyiza by'u Rwanda nta vangura na rimwe, nta hezwa rya bamwe, nta toneshwa rya bamwe.

- ### ICYO UMURYANGO IBUKABOSE-RENGERABOSE USABA ABANYARWANDA MURI RUSANGE

- **Umuryango Ibukabose-Rengerabose** uboneyeho gusaba Abanyarwanda bose muri rusange, bari mu gihugu no hanze yacyo, guhagurukira guharanira uburenganzira bwabo no kwisanzura, bagatahiriza umugozi umwe birinda gahunda zose zigamije kubacamo ibice no guha icyuho udutsiko dukomeje kugundira ubutegetsi twitwaje ubwoko dukomokamo. Abanyarwanda bose, mu moko yabo atandukanye, basabwe kutitabira no kwitandukanya ku mugaragaro n'iyi gahunda gateranyamiryango yiswe *"Ndi umunyarwanda".*

- Ibukabose-Rengerabose isanga ibikorwa by'ubugome bya Leta ya FPR bitagomba guca Abanyarwanda intege. Ko ahubwo bigomba gutuma abiyemeje guharanira impinduka bakomeza ndetse bakarushaho gutahiriza umugozi umwe kugira ngo ubutabera, amahoro n'ubumwe bihabwe icyicaro mu Rwanda.
- **Umuryango Ibukabose-Rengerabose** uirasaba abakunda ubutabera bose gukomeza gushyigikira mu buryo bunyuranye intwari zacu zibohewe mu buroko bwa prezida Kagame kubera impamvu za politiki.
- Imana y'i Rwanda ikomeze ihe Abanyarwanda imbaraga, ubushishozi n'ubwitange bwo gukomeza inzira yo kwigobotora ingoyi y'abakomeza kuyobya no kuroha igihugu cyacu.

• *ICYO UMURYANGO IBUKABOSE-RENGERABOSE USABA AMASHYAKA YA POLITIKE N'AMASHYIRAHAMWE YIGENGA YA SOSIYETE SIVILE NYARWANDA*

Kwemera, gutsindagira, kwimakaza no guharanira amahame akurikira :

1. Kuvuga ko nta moko abaho mu Rwanda ni ikinyoma kigamije kujijisha, gutwikira no guhisha ivanguramoko rikorerwa igice kinini cy'Abanyarwanda. Amoko ariho, yahozeho kandi azahoraho mu Rwanda : Abatwa, Abahutu n'Abatutsi, n'abo babyaranye.
2. Abatwa, Abahutu, Abatutsi, n'abo babyaranye, barareshya imbere y'Imana n'amategeko y'igihugu. Bivuga ko bafite uburenganzira bureshya bwo kudahohoterwa ku buzima bwabo.
3. Inzirakarengane zirareshya.
4. Muri 1994, Abatutsi biciwe mu Rwanda hose, bambuwe ubuzima muri jenoside bazira ubwoko bavutsemo. Ubu bwicanyi bwiswe itsembabwoko ariyo jenoside.
5. Guhera muri 1990 kugera mri 2003, Abahutu ibihumbi amagana n'amagana bambuwe ubuzima bazira ubwoko bwabo. Bamwe biciwe i Byumba, mu Ruhengeri, i Kibeho, n'ahandi henshi mu gihugu, ndetse no muri Zaïre-Congo (RDC). Aha hose izo nzirakarengane zaziraga ubwoko zavukagamo. Ubwo bwicanyi ni itsembabwoko ariyo jenoside.
6. Impunzi z'Abahutu n'Abatutsi ziciwe i Nairobi, i Kampala, iI Yaoundé, muri Afrika y'epfo, n'ahandi; icyo abo bose bahuriyeho nuko bambuwe ubuzima n'ababisha bahekuye u Rwanda.
7. Abo banyarwanda b'inzirakarengane, bose bagomba gufatwa kimwe, guhabwa icyubahiro mu buryo bureshya, kwibukwa no kurengerwa kimwe imbere y'amategeko, kuko baremwe kimwe, kandi ubuzima bwabo bugomba kuba indahangarwa.
8. Abahekuye u Rwanda bose ni bamwe, bagomba gufatwa kimwe imbere y'amategeko n'ubutegetsi, bagomba kubihanirwa kimwe, nta vangura.
9. Abicanyi bo mu bwoko bw'Abahutu bishe Abatutsi muri jenoside barakurikiranywe benshi barabihanirwa, nubwo bamwe barenganyijwe, abandi bakaba bacyidegembya hirya no hino kw'isi.

10. Abatutsi biciwe na FPR-Inkotanyi ntibarenganuwe kubera ko ababahekuye ari nabo bari ku butegetsi.
11. Abishe Abahutu n'Abatwa, bo ntibarakurikiranwa kubera ko ingoma iyoborwa n'ababambuye ubuzima yabyitambitse imbere, bityo abo bicanyi bakaba bacyidegembya mu Rwanda no kw'isi hose bitwaje ko bashyigikiwe na Leta yiganjemo abicanyi.
12. Amashyaka ya politike n'imiryango ya sosiyete sivile bagomba gukunda Abanyarwanda bose kimwe, bagomba kwibuka no kurengera izo nzirakarengane z'Abahutu, z'Abatwa, n'iz'Abatutsi, kandi bakabubahiriza kimwe.
13. Amashyaka ya politike yose n'imiryango ya sosiyete sivile bakwiye gusabira hamwe Leta y'u Rwanda, Loni n'umuryango mpuzamahanga, ko abakoze amahano yose tuvuze haruguru bagomba gukurikiranwa bakabihanirwa mu bucamanza mpuzamahanga.
14. Kugaragaza ko gahunda ya *"Ndi umunyarwanda"* ya FPR igomba kugororwa kuko yubakiye ku kinyoma : wakwemera ute ko ureshya n'umuturanyi wawe mu gihe we afite uburenganzira bwo kugaragaza akababaro ke, kuririra mu ruhame no gushyingura abe mu cyubahiro, mu gihe wowe uhitamo kuba wimukiye mu mahanga cyangwa ukajya kwihisha mw'ishyamba kugira ngo ubashe kuririra ababyeyi n'abavandimwe bawe bishwe n'abayobozi bakuratira *"Ndi umunyarwanda»?*
15. Gahunda ya *"Ndi umunyarwanda"* igomba kugororwa, ubutegetsi bukemeza ko inzirakarengane zigomba gufatwa kimwe mu kuzibuka no kuziha icyubahiro kireshya imbere y'ubutegetsi n'Ubutaberan nta vanguramoko.

- ***ICYO UMURYANGO IBUKABOSE-RENGERABOSE USABA LONI (ONU) N'INDI MIRYANGO MPUZAMAHANGA.***

Hagati ya 1990 na 1994, habayeho ubwicanyi bwahitanye Abanyarwanda benshi bo mu moko yose kubera intambara hagati ya FPR-Inkotanyi n'ingabo za Leta y'u Rwanda.

Guhera muri Mata 1994, nyuma y'iyicwa ry'umukuru w'igihugu Nyakubahwa Prezida Yuvenali Habyarimana, ku gice cyayoborwaga na guverinoma ya Leta y'u Rwanda, habaye ubwicanyi bwibasiye abo mu bwoko bw'Abatutsi. Ubwo bwicanyi bwahitanye Abatutsi n'Abahutu ibihumbi amagana mu mezi atatu gusa, buza kwitwa *Itsembabwoko* cyangwa *jenoside* mu ndimi z'amahanga. Urukiko mpuzamahanga rwa TPIR/ICTR rwakurikiranye kandi rwahanye benshi mu bakekwagaho kugira uruhare muri jenoside yakorewe Abatutsi.

Mu gihe habaga jenoside y'Abatutsi, mu bice byayoborwaga na FPR-Inkotanyi naho habaye ubundi bwicanyi tsembabwoko bwibasiye ubwoko bw'Abahutu. Abanyamategeko b'umuryango Ibukabose-Rengerabose, ndetse n'impuguke nyinshi mpuzamahanga, barasesenguye basanga ibyo byaha nabyo bigomba kwitwa jenoside ndetse hagashyirwaho inkiko zo gukurikirana abarimbuye inzirakarengane zo muri ayo moko zibagiranye mu butabera.

Muri uwo mwaka wa 1994 kandi, Abanyarwanda benshi bo mu bwoko bw'Abatwa nabo bishwe n'impande zombi ku bazira impamvu zinyuranye.

Guhera 1994 kugeza muri 2003, FPR-Inkotanyi imaze gufata ubutegetsi, yishe Abanyarwanda bo mu bwoko bw'Abahutu ibihumbi amagana, mu Rwanda no muri Zaïre/RDC, yica Abatwa benshi n'Abatutsi batabarika ku mpamvu zinyuranye.

Kubera izo mpamvu, turasaba umuryango w'abibumbye LONI :

1. Kwimakaza uburengazira bwo kubaho kuri buri wese (droit à la vie).
2. Gushyira ahagaragara ubwicanyi bwose ndengakamere bwakorewe Abanyarwanda kuva mu kwakira 1990.
3. Gutangaza burundu imyanzuro ya rapport Mapping y'ubwicanyi yise itsembabwoko yakorewe impunzi z'Abahutu muri RDCongo hagati ya 1996 na 2003.
4. Guha agaciro kareshya ubwicanyi bwo mu ntambara, ihonyora bantu n'ibindi byaha bya jenoside byakorewe Abanyarwanda mu Rwanda no muri Zaire/RDC nkuko byagaragajwe mu ma raporo atandukanye yakozwe n'imiryango ya LONI n'amashyirahamwe mpuzamahanga arengera uburengazira bwa muntu.
5. Guhagarika ibikorwa by'uburiganya bigayitse bya bimwe mu bihugu no mu bagize Imiryango Mpuzamahanga bakora ibishoboka byose mu kuburizamo ubwiyunge hagati y'Abahutu n'Abatutsi mu Rwanda, bagamije kwihishira mu ruhare babigizemo no kurengera inyungu zabo mu karere k'ibiyaga bigari.

6. Turasaba kandi ko hashyirwa ahagaragra indi raporo ya anketi yakozwe n'umushinjacyaha mukuru wa TPIR[1] ku bwicanyi bwakozwe na FPR hagati ya tariki ya mbere mutarama kugeza ku ya 31 ukuboza 1994 bukorewe Abaturage b'Abahutu, yakuwe ahagaragara ku mabwiriza y'inzego zo hejuru za Loni (ONU), nyamara kandi izo anketi zari mu bushobozi n'inshingano byahawe kandi bigaragara mu mategeko agenga ugushyirwaho kwa TPIR.
7. Kugaragaza izindi raporo zose za Loni (ONU) n'indi miryango Mpuzamahanga (ONG) ku bwicanyi bwakorewe Abahutu mu Rwanda no Muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo. Gukomeza gupfukirana izo raporo bibuze ko LONI yimakaza ubusumbane mu bana b'u Rwanda imbere y'uburenganzira bwabo bwo kubaho. Niyo mpamvu umuryango IBUKABOSE-RENGERABOSE wemeza ko Loni yarenze ku nshingano zayo z'ibanze, igatakaza bidasubirwaho ukutabogama kwayo ishyigikira abafite ubutegetsi bahekura abaturage babo.
8. Gukurikirana no guhana abakoze itsembabwoko, ubwicanyi bwibasiye inyokomuntu n'ubwicanyi bw'intambara bwakorewe Abahutu n'Abatwa. Kutabahana ni ukubaha ubudahangarwa, ni uguha abicanyi bo ku ruhande rumwe uburenganzira bwo kwica uwo bashatse, bisobanuye kandi ko izo nzirakarengane barimbuye zidafite agaciro kamwe n'ak'abavandimwe babo b'Abatutsi. Iyi mibonere ya Loni ibiba kandi ishimangira uburozi bw'urwango n'inzigo hagati y'amoko, ari nabyo byabaye imbarutso y'ubwicanyi ndengakamere.
9. Kw'italiki ya 26 Mutarama 2018, Inama Rusange ya Loni yafashe icyemezo (Résolution) numero A/72/L.31 ko italiki ya 7 Mata ya buri mwaka igizwe umunsi mpuzamahanga wo kwibuka no gutekereza kuri jenoside yakorewe Abatutsi bo mu Rwanda muri 1994. Iki cyemezo cyibutsaga kandi ko hari Abahutu n'abandi bantu banyuranye bishwe bazira kurwanya ubwo bwicanyi. Iki cyemezo cyaje gihindura inyito y'uwo munsi witwaga "*Umunsi mpuzamahanga wo gutekereza kuri "jenoside yabereye mu Rwanda*" nkuko byari byariswe rugikubita mu cyemezo cya Loni numero A/RES/58/234 cyafashwe kw'italiki ya 23 Ukuboza 2003.
10. Dusabye Loni n'indi miryango mpuzamahanga kumenya no gusobanukirwa ko gufata abenegihugu bo moko y'Abahutu, n'Abatwa nk'ibiremwamuntu bisuzuguritse, bikurura ipfunwe, agahinda n'intimba, ndetse n'umujinya n'inzigo batagaragaza mu ruhame kubera iterabwoba bashyirwaho n'ingoma iri ku butegetsi, nyamara iryo pfunwe n'uwo mujinya bikaba bishobora kuviramo kwivumbura no

[1] Kuwa 1/10/2003, itsinda ry'abashakashatsi ba TPIR (Equipe d'enquête spéciale) yari igizwe na LEJMI MOHAMED ALI, HAMIDOU MAIGA (Enquêteur), na JEAN BASTARACHE (Enquêteur associé) bohererereje Bwana Hassan Boubacar Jallow, umushinjacyaha wa TPIR/ICTR raporo y'ipererereza ku bwicanyi bwakozwe na FPR-Inkotanyi muri 1994. Twibutse ko muri 2002 Madamu Carla Del Ponte wari umushinjacyaha mbere ya Boubacar Jallow, nawe yari yaragejejweho raporo irambuye ku bwicanyi FPR yakoreye Abahutu muri 1994. Ashatse gukurikirana abasilikare b'Inkotanyi bakoze ubwo bwicanyi, Carla Del Ponte yirukanwe mu milimo ye, bisabwe na Leta zunze ubumwe z'Amerika yari ishyigikiye ubutegetsi bwa jenerali Paul Kagame.

kwivumbagatanya bishobora kubangamira amahoro n'ubumwe bw'Abanyarwanda.

11. Niyo mpamvu Abanyarwanda bose, impirimbanyi zirengera uburenganzira bw'ikiremwa muntu, bagomba kugaragaza ko batemera ibyemezo bya Loni bikurura ku mugaragaro ivanguramoko hagati y'inzirakarengane, bakamagana bemye icyemezo cya ba Mpatsibihugu gishyigikira inyungu z'abicanyi b'uruhande rumwe barimbuye inyokomuntu ;
12. Twanze kuba abafatanyacyaha b'icyo cyemezo gishobora kuzagira ingaruka njyanamuntu zitabarika zatuma Abanyarwanda bongera kwishyura bundi bushya ikiguzi cy'amaraso mu bihe bizaza ;
13. Mu gihe ababyeyi n'abavandimwe bacu bicwaga bunyamaswa mu mpande zose z'igihugu no muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo, Umuryango Mpuzamahanga wararebereye ntiwagira icyo ubikoraho. Abicanyi bo babifashe nkaho LONI ibahaye uburenganzira bwo kumena amaraso y'inzirakarengane ;
14. Ibi ntibyatubuza gushimira bimwe mu bihugu by'umuryango Mpuzamahanga byashoboye gutabara Abanyarwanda mu bihe bikomeye bya jenoside, nubwo baje batinze bwose ;
15. Dushyigikiye imyanzuro yose yafashwe mu kwibuka mu cyubahiro abazize jenoside yakorewe Abatutsi mu w'i 1994
16. Ku rundi ruhande turasaba dukomeje ko Loni (ONU) yafata kimwe inzirakarengane zo mu yandi moko yose, igashyigikira kandi ikihanganisha n'abacitse kw'icumu biciwe ababo b'Abahutu n'Abatwa ;
17. Kubera izo mpamvu zose tumaze kwibutsa, turasaba ko Loni yakwiga ikanafata undi mwanzuro uhamye mushya usaba Leta y'u Rwanda kubahiriza inshingano ziringaniza Abanyarwanda mu burenganzira imbere y'amategeko, n'ubudahangarwa ku buzima bwabo, kubahiriza imihango yo kwibuka inzirakarengane zo mu moko yose, n'ubutabera kuri bose, bityo Leta ikemerera abenegihugu bayo badakomoka mu bwoko bw'Abatutsi **GUSHYINGURA NO KWIBUKA MU CYUBAHIRO ABABO** bazize ubwicanyi ndengakamere bwabakorewe mu Rwanda no muri Zaïre/Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo ;
18. Dusabye dukomeje Loni kwemeza bidatinze umwanzuro ushyiraho Urukiko Mpuzamahanga rushinzwe gukurikirana abakoze ubwo bwicanyi ndengakamere bwibasiye kandi bugahonyora Uburengazira mpuzamahanga b'Ikiremwamuntu ;
19. Twamaganye bidasubirwaho, n'ugushaka kwacu kwose, diplomasi na politiki mpuzamahanga iyobya uburari mu nyito n'amagambo yerekeye ibyabaye mu mateka y'u Rwanda nyamara apfobya ukuri kuri ayo mateka akanabangamira inzira y'ubwiyunge bw'Abanyarwanda.
20. Muri urwo rwego Umuryango Ibukabose-Rengerabose[2] wemereye LONI n'indi miryango mpuzamahanga, n'ibihugu cyangwa inshuti z'u Rwanda byifuza gutanga umuganda mu bwiyunge no gusana imitima

[2] Ibukabose-Rengerabose ukorana n'Inteko y'Ubumwe, Amahoro n'Ubwiyunge (**CUPR**). Ni umunyamuryango w'Inama Mpuzabikorwa ya sosiyete sivile Nyarwanda (**CCSCR**), ukaba kandi umwe mu bashinze Ikigo kigenzura iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu Rwanda-Observatoire des Droits de l'homme au Rwanda (**ODHR**).

y'Abanyarwanda ko witeguye gutanga inkunga itaziguye y'ibitekerezo mu mishyikirano y'ukuri hagati y'Abanyarwanda.

21. Umuryango Ibukabose-Rengerabose usabye Ibihugu bituranye n'u Rwanda, imiryango ya SADC, ICGLR, EAC, Umuryango UA w'ubumwe bw'Afurika, Umuryango UE w'ubumwe bw'Uburayi, Inama ishinzwe amahoro kw'isi, n'Umuryango w'Abibumbye, gushyira igitutu kuri Leta ya Kigali ikemera gushyikirana n'abatavuga rumwe nayo bibumbiye mu mashyaka ya *Opposition* no mu miryango yigenga adakora politike (Associations de la société civile).

Ibyitonderwa

Impuruza y'umuryango Ibukabose-Rengerabose iragaya Leta ya FPR iyobowe na Prezida Paul Kagame ikomeje kubiba, kworora no kwenyegeza ivanguramoko, inzangano, inzika n'inzigo hagati y'Abanyarwanda.

Apartheid yabaye akarande mu Rwanda ntigomba kwitirirwa cyangwa kuryozwa ubwoko ubwo aribwo bwose. Ivanguramoko ryimitswe n'ubutegetsi, butabanje kugisha inama abo mu bwoko ubw'aribwo bwose bushukishwa gutoneshwa, guhabwa imyanya myiza, no kugenerwa imfashanyo.

Amategeko avangura agomba kwamaganwa, akavanwaho, kuko anyuranye n'Ingingo za 15 na 16 z'Itegeko-Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda.

Twe abakunda u Rwanda n'abana barwo bose, twe abarwanya ivanguramoko, duharanira ubudasumbana n'iringaniza, nitwisuganye aho turi hose, tube INTABOGAMA Z'INTABERA, twamagane politike y'ivanguramoko itanya Abanyarwanda, itera ipfunwe bamwe ikenyegeza inzangano zishingiye ku moko, bityo iyo politike ikaba icukurira urwobo u Rwanda rw'ejo.

Umuryango Ibukabose-Rengerabose utangije igikorwa mpuzamahanga cyo kumenyesha no kurwanya ihezwa mu kwibuka no kutabona ubutabera nyabwo (Apartheid mémoriel et Judiciaire). Tuzihatira gukora ibikorwa bikomeye bigamije kumvisha Abanyarwanda n'Abanyamahanga ingaruka mbi z'icyo gisasu kirimbuzi cy'ivanguramoko n'ihezwa mu kwibuka no guhabwa ubutabera bungana kuri bose.

Ubureshye n'uburinganire mu burenganzira bw'Abanyarwanda no kuri buri wese nibyo musingi w'Ubumwe, Amahoro n'Ubwiyunge ntarengwa bigomba kugerwaho kandi bigaharanirwa na bose. Kwibuka bose n'ubutabera kuri bose bidaheza nibyo nkingi y'ibyo dusaba by'ibanze bidasubirwaho mu kubanisha Abanyarwanda bose mu mahoro.

Bitangajwe kandi bishyizweho umukono na

Ambasaderi Jean-Marie Vianney Ndagijimana (sé)

Umuyobozi akaba n'umuvugizi w'Umuryango Ibukabose-Rengerabose

Bwana Emery Nshimiyimana (sé)

Umunyamabanga mukuru w'Umuryango Ibukabose-Rengerabose

"STOP APARTHEID IN RWANDA"

IMPURUZA Y'UMURYANGO IBUKABOSE-RENGERABOSE, IGAMIJE KWAMAGANA NO GUCA IHEZABWOKO, IRONDAKOKO N'IVANGURAMOKO (APARTHEID) MU RWANDA, N'INZIGO BIKURURA MU MIBANIRE HAGATI Y'ABANYARWANDA.

« Ceux qui aiment la paix doivent apprendre à s'organiser aussi efficacement que ceux qui aiment la guerre » **- Martin Luther King**

#StopApartheidInRwanda

Aho tubarizwa

Contact: contact@ibukabose-rengerabose.org
Website: www.ibukabose-rengerabose.org
Ubutumwa kuri WhatsApp +32 483 64 34 98
Twitter https://twitter.com/TFR_INFO

Compte Facebook

Compte Youtube

Radio Ibukabose-Rengerabose (Soundcloud)

La Tribune Franco-Rwandaise

I Paris, 27 Mata 2019

Umugereka

IMVO N'IMVANO, AMATEKA N'AMAHAME Y'UMURYANGO IBUKABOSE-RENGERABOSE

Ambasaderi JMV Ndagijimana, umuyobozi akaba n'umuvugizi w'umuryango Ibukabose-Rengerabose arasobanura imvano, amateka n'amahame yawo n'ibibazo uhura nabyo.

Ikiganiro yagiranye n'ikinyamakuru Tribune Franco-Rwandaise (TFR)

TFR : Duherutse gusoma inyandiko zisohoka ku mbuga nka Facebook, DHR, n'izindi, umuntu wiyita ko ari umucikacumu wa jenoside yandika avuga ko Umuryango **Ibukabose-Rengerabose** udakwiye kubaho, ko we yemera ***Ibuka*** gusa yashinzwe n'abacitse kw'icumu rya jenoside yakorewe Abatutsi, bityo ngo kwibuka bose bikaba bipfobya iyo jenoside. Ubivugaho iki Bwana Ndagijimana?

JMV NDAGIJIMANA : Urakoze kumbaza iki kibazo benshi bibaza. Mbere ya byose mbanje kwifatanya no gukomeza abacikacumu bibuka abacu bose bazize itsembabwoko ryibasiye Abatutsi bo mu Rwanda muri mirongo icyenda na kane (1994), itsembabwoko ryakorewe Abahutu mu Rwanda no muri RD Congo (1994-2003) n'ubundi bwicanyi ndengakamere bw'ihonyamuntu bwayogoje u Rwanda kuva muri 1990 kugeza aya magingo.

Ngarutse ku kibazo cyawe rero, nagusubiza ko bamwe mu bavuga ko Ibukabose-Rengerabose ipfobya jenoside y'Abatutsi babiterwa no kutayimenya, kutamenya abayigize, kutamenya uko yavutse n'amahame umuryango wacu ugenderaho, no kudasobanukirwa n'amateka nyayo y'u Rwanda muri rusange. Abandi tutavuga rumwe ni abagitsimbaraye kw'ivanguramoko bagamije kwubakira ubuyobozi bw'igihugu cyacu ku mwiryane hagati y'amoko y'inyabutatu nyarwanda.

Niyo mpamvu nifuza gusobanurira abasomyi ba **TFR** n'Abanyarwanda muri rusange, amavu n'amavuko y'Umuryango Ibukabose-Rengerabose.

TFR : Mutubabarire kubarogoya, ariko byaba byiza mutubwiye muri make igihe Ibukabose-Rengerabose yavukiye, aho ikorera, n'abayoboke yaba ifite.

JMV NDAGIJIMANA : Dutangira kuganira ku kibazo cyo kwibuka abacu, twari abantu basanzwe bahuje ibitekerezo ku mibanire hagati y'Abanyarwanda, abantu twari duhuje ibibazo, n'akababaro. Icyo gihe abenshi muli twe bari abantu bakomoka mu moko y'Abahutu n'Abatutsi, aribo bamwe bakunze kwita "Imvange" cyangwa "Abahutsi".

Icyaduhuzaga cya mbere ni ukuba twariciwe ababyeyi, abana, abavandimwe, benewacu n'inshuti ku mpande zombi, mu moko dukomokamo kandi dukunda kimwe y'Abahutu n'Abatutsi. Bityo tukababazwa kandi tugaterwa ipfunwe nuko abayobozi b'ishyirahamwe *Ibuka* bakorera mu kwaha kw'ingoma ya FPR-Inkotanyi bashyira imbere kwibuka ababyeyi bacu cyangwa abavandimwe bacu bo mu bwoko bw'Abatutsi gusa, naho kwibuka abacu bo mu bwoko bw'Abahutu bigafatwa nk'icyaha cyo gupfobya jenoside

y'Abatutsi. Twe twumvaga ari nko kudusaba kwicamo ibice bibiri, kimwe cyiza tugomba gukundwakaza, n'ikindi kibi tugomba kunena, kwitaza no guhonyora.

Ibyo twanze kubyemera kuko binyuranyije n'umutimanama wacu, n'amahame remezo y'ubumuntu. Niyo mpamvu twandikiye **abayobozi ba Ibuka-Mémoire** mu Bufransa, mu Bubiligi no mu Rwanda tubasaba guhura nabo, kugira ngo tuganire twigire hamwe uburyo bwiza bwo kugira imihango y'icyunamo duhuriyeho nk'Abanyarwanda. Batwima amatwi ntibagira n'ikinyabupfura cyo kudusubiza.

Twasanze iyo mikorere ingoma ya FPR yatoje **abayobozi ba Ibuka-Mémoire** ishingiye kw'ivanguramoko ryimakaza ubusumbane hagati y'Abanyarwanda, ivanguramoko ridafite aho ritaniye na apartheid yari yarayogoje Afrika y'epfo. Iryo vanguramoko rigomba kurwanywa n'abantu bose baharanira ubureshye hagati y'ibiremwamuntu, by'umwihariko hagati y'Abanyarwanda.

Leta ntiyakwirirwa iririmba ubwiyunge hagati y'Abanyarwanda kandi ivangura amoko hagati y'abacu bazize imipanga na kalashnikov.

Tumaze kubona ko Leta ititaye ku babyeyi bacu, abavandimwe bacu na benewacu b'Abanyarwanda bo mu moko y'Abahutu n'Abatwa bishwe na FPR, twiyemeje gushinga **Umuryango Ibukabose-Rengerabose.**

Ibukabose-Rengerabose yubahiriza akababaro ka benewacu b'Abatutsi, b'Abahutu n'Abatwa bari batuye mu Rwanda mbere ya 1994 barokotse ihonyabwoko n'ubwicanyi bwa politike, biciwe mu turere twose tw'u Rwanda.

TFR : Mubona se Abanyarwanda baritabiriye inyigisho zanyu ?

JMV NDAGIJIMANA : Si inyigisho kuko tutari abarimu, ntitube abahanuzi! Ni ***ibitekerezo*** dusangira n'abandi babishaka bose! Uko twagendaga dutanga ibiganiro dusobanura *amahame yacu*, buhoro buhoro, Abanyarwanda benshi bafite umutima wa kimuntu kandi bakunda ukuri n'ubutabera bufata Abanyarwanda bose kimwe, batangiye kuyoboka amahame yo kwibuka bose.

Kuva mu mwaka wa 2004, Ibukabose-Rengerabose yifatanyije kenshi n'andi mashyirahamwe nyarwanda mu mihango yo kwibuka inzirakarengane zose nta vangura. Ibyo byakorewe mu Bufransa, mu Bubiligi, n'ahandi.

Icyadushimishije cyane ni ukubona amashyaka amwe n'amwe yabanje kwijundika amahame ya Ibukabose-Rengerabose yaragezaho akayemera nubwo ateruye ngo abivuge. Ahubwo amwe muriyo yaje gushyiraho akarusho ko kuyashyira mu ngamba zayo za politike kandi mbere atarabikozwaga. Nta wabura gushimira abayobozi b'ayo mashyaka bumvise ukuri Abanyarwanda benshi bifuza kandi bibonamo.

TFR : Mwatubwira amazina y'ayo mashyaka yabanje kwijundika umuhango wo kwibuka bose ?

JMV NDAGIJIMANA : Si ngombwa kuyavuga. Icyangombwa nuko byasubiye mu gitereko, abaturegaga gupfobya itsembabwoko bakageraho bagasobanukirwa ingamba zacu. Nibwo buryo bwiza bwa demokrasi y'ubwumvikane iganisha ku bwiyunge nyakuri.

TFR : Ibukabose-Rengerabose ikorera he?

JMV NDAGIJIMANA : Dukorera ahantu hose hatuye Abanyarwanda : mu Rwanda, mu Bubiligi, mu Bufransa, muli Leta zunze ubumwe z'Amerika, muli Canada, muri Afrika y'epfo, no mu Bwongereza. Icyicaro gikuru kiri mu Bufransa, ubundi tukagira amatsinda hirya no hino. Ahanini dukoresha Internet/murandasi, na social medias. Ntitugenzwa no gukusanya abayoboke benshi nk'amashyaka ya politike. ***Icyo twimirije imbere nuko ibitekerezo bikubiye mu mahame yacu bisesekara mu banyarwanda*** bityo bakamenyera ko twese turi abavandimwe, ko tureshya kandi ko amaraso y'umuntu adahangarwa.

TFR : Abayoboke ba Ibukabose-Rengerabose ni bantu ki ?

JMV NDAGIJIMANA : Abayoboke bacu barangwa no kwemera ko mbere yo kuba Abanyarwanda, Abahutu, Abatutsi cyangwa Abatwa, twese tuli abantu bareshya imbere y'Imana n'amategeko, abantu bareshya mu buzima no mu rupfu. Twemera ko Abanyarwanda bose bareshya, ko abapfuye bose bareshya kandi bagomba guhabwa icyubahiro kimwe, ko umunzani upima akababaro k'abacitse kw'icumu ry'itsembabwoko n'intambara ugomba kuringanizwa, nta vangura iryo ariryo ryose.

TFR : Bwana Ndagijimana mumbabarire mbagarure inyuma : Ni kuki mukomeye ku muhango wo kwibuka bose kandi bamwe babibonamo gupfobya jenoside y'Abatutsi? Aho ntibishobora gutinza ubwiyunge hagati y'amoko kandi mwe muvuga ko mushaka ubwiyunge busesuye ?

JMV NDAGIJIMANA : Icya mbere nakwibutsa nuko umuryango Ibukabose-Rengerabose utari uw'ubwoko runaka. Dufite amahame twemera nakubwiye mu kanya. Abasanga Abanyarwanda bagomba gusumbana no kuvangurwa mu burenganzira bwabo bazabisobanure. Abanyarwanda nibemera iryo vangura bigishwa na Leta y'u Rwanda, bazabitumenyeshe. Ariko kugeza ubu ntiturabona udusobanurira ko Abahutu, Abatutsi n'Abatwa atari abavandmwe bonse ibere rimwe.

Reka nkubwire akabanga: hari umunyapolitike twigeze kuganira, musaba kuza kwifatanya n'imiryango ya sosiyete sivile mu mihango y'icyunamo gihuriwemo n'banyarwanda b'amoko yose. Uzi uko yansubije ? Yarambwiye ngo ishyaka rye rifite abayoboke barimo ibice bibiri : abayoboke *(constituency)* b'abacikacumu b'Abatutsi bari mu gisirikare n'igisivili Rwanda, n'ikindi gice cy'abakorera mu buhungiro. Akomeza avuga ko bityo atinya ko kuza mu mihango yo kwibuka bose byakomeretsa abagize "***constituency***" ye y'abatuye mu Rwanda. Yambwiye ko, kuri we, amahame ya Ibukabose-Rengerabose ari meza, ko kandi ayashyigikiye, ko ariko **ku mpamvu za politike** adashobora kuyakurikiza atabanje kuyasasira buhoro buhoro.

Namusubije ko **Ibukabose-Rengerabose** yo atari ishyaka rya politiki, ko ifite ***constituency*** imwe rukumbi y'Abanyarwanda bose nta vangura. Byamuteye ikibazo ntiyahita ansubiza.

Nyamara hashize imyaka ibiri nyuma yaho tuganiriye, ishyaka yari abereye umuyobozi naryo ryatangiye gufatanya n'abandi guhuriza Abanyarwanda mu cyunamo cya bose nta vangura. Ibi byaradushimishije.

Uyu munyapolitiki nawe narabimwubahiye kuko byibura yambwije ukuri atiriwe abica ku ruhande. Icyangombwa suko yabanje gukina politike, ahubwo igishimishije nuko yagezaho agatera intambwe igana heza, akemera gufatanya n'abandi kugana ubwiyunge bwubaka imitima y'Abanyarwanda atababa.

TFR : Mu Rwanda se ho umuryango wanyu wifashe ute?

JMV NDAGIJIMANA : Ku ruhande rumwe, ntidukeneye uruhushya rwo kurengera ikiremwamuntu. Ku rundi ruhande, ingoma y'igitugu ntishobora kwubaka inkuta zo kuboha imitima n'ibitekerezo by'abantu. Cyane mu bihe bya murandasi n'itumanaho rya kijyambere rikoresha ***new technologies*** !

Kuba ingoma ya Kagame yaratoteje ikanafunga umuvandiwe wacu Kizito Mihigo ntibyabujije ibitekerezo byiza bikubiye mu ndirimbo yise "Igisobanuro cy'urupfu" gukwirakwira mu banyarwanda b'isi yose. Abatazi iyo ndirimbo bayisanga ku rubuga rwa Youtube/Ibukabose-Rengerabose n'ahandi.

Muri make rero, abayoboke bacu bo mu Rwanda bagomba kwihisha kugira ngo bahurize imitima yabo hamwe, mu rwego rwo kwibuka abacu bazize inkota y'abagome bo ku mpande zose.

TFR : Ikibazo cya nyuma : Umuntu ushaka kuba umuyoboke wa Ibukabose-Rengerabose cyangwa kuyitera inkunga abigenza ate ?

JMV NDAGIJIMANA : Icyambere, umuyoboke wa Ibukabose-Rengerabose asabwa kwemera amahame tugenderaho akurikira:

- Amoko y'inyabutatu mu Rwanda ni impano y'Imana, nta butegetsi bushobora kuyacishamo umukato ku mpamvu za politiki.
- Abanyarwanda bo mu moko yose barareshya kandi bagomba guhabwa agaciro kamwe.
- Umunyamuryango agomba kwitangira kurwanya ivanguramoko hagati y'Abanyarwanda.
- Ntawe ugomba gutotezwa, guhezwa cyangwa kuvangurwa azira ubwoko bwe.
- Kwibuka inzirakarengane zose nta vanguramoko, kwimakaza ubutabera bureshyeshya Abanyarwanda imbere y'Imana n'amategeko.
- Abayoboke ba Ibukabose-Rengerabose bemera ko inzirakarengane zose zigomba gufatwa kimwe, zaba Abatutsi, Abahutu cyangwa Abatwa.
- Ibyaha birarutana, ariko mu mihango yo kwibuka inzirakarengane, ivanguramoko ryashyizweho n'ishyaka riri ku butegetsi mu Rwanda rigomba gucibwa, hakemezwa umunsi wo kwibuka inzirakarengane zose, uhuriweho n'Abanyarwanda twese, bikaba byagarura ituze mu mitima y'Abanyarwanda, bikadufasha kwiyubaka no kwiyunga bidashingiye ku kinyoma cy'inkomoko.
- Muri make ngayo amahame ushaka kuba umuyoboke wa Ibukabose-Rengerabose asabwe kwubahiriza.

- Si idini, si ishyaka rya politike, ahubwo ni uburyo twaheraho twunga imitima yacu. Ni amahame akomeye y'igihango cy'amaraso y'Abanyarwanda yamenetse mu gihugu cyacu, igihango cy'ubumwe, amahoro n'ubwiyunge busesuye kandi bwubaha muri munyarwanda.
- Mu gihugu cwayogojwe n'intambara n'itsembabwoko, *KWIBUKA BOSE* ni umwe mu miti yavura ipfunwe, ubwoba, umujinya n'inzangano hagati y'Abanyarwanda, baba barazize itsembabwoko cyangwa ubundi bwicanyi bwa kirimbuzi bwaranze amateka yacu mabi.
- Ayo mahame ahuje na cya gisobanuro cy'urupfu intwari **Kizito Mihigo** yaririmbye akemera kwitangira ukuri kwunga Abanyarwanda. Ayo mahame niyo inshuti zacu Victoire Ingabire, Déo Mushayidi, n'abo bafungwanye bitangiye bakayazira kandi nyamara ariyo yagombye kutubera urumuri ruhoraho.
- **Ku rundi ruhande ariko, kwibuka abapfuye ntibihagije.**
- Tugomba no ***KURENGERA ABATOTEZWA N'ABARENGANA BOSE***, tutitaye ku nkomoko z'amoko n'uturere, n'ibindi byose bimunga ubumwe bw'Abanyarwanda. Niyo mpamvu ujya ubona dusohora za petitions n'amatangazo arengera abahohoterwa, imfungwa za politike, abashimutwa, abazimizwa cyangwa abicirwa ababo n'ubutegetsi bw'u Rwanda, nk'abahotowe bakajugunywa mu kiyaga cya Rweru, nk'abiciwe mu karere ka Musanze, tutibagiwe abaturage benshi bakomejwe kwicwa n'ubutegetsi, ndetse n'abahotowe n'ubutegetsi n'abandi bose bakomeje kwicwa, gutotezwa no kwamburwa imitungo yabo.

Sinarangiza ntibukije ko umuryango Ibukabose-Rengerabose wubaha abanyamuryango ba **Ibuka** nk'umuryango w'abacikacumu batavangura amoko, nubwo tunenga imikorere y'abayobozi b'iryo shyirahamwe bakorera mu kwaha kw'ingoma yimakaje apartheid mu Rwanda.

Ibukabose-Rengerabose izakomeza gukorana no gushyigikirana n'imiryango ya sosiyete sivile duhuje amahame y'ubutabera no kwishyira ukizana kwa buri munyarwanda. Twiyemeje kandi gushyigikira amashyaka ya politiki yimakaza demokrasi ishingiye ku rukundo n'ikivandimwe hagati y'amoko nyabutatu nyarwanda.

Abifuza gufatanya natwe, abashaka gufatanya natwe gusakaza ubwo butumwa kugira ngo dukureho ipfunwe rimunga imitima ya benshi, maze dufashe Abanyarwanda kwiyubaka no kwubaka u Rwanda hatagombye kuba izindi ntambara, bashobora kwandikira **Ibukabose-Rengerabose** babicishije kw'ipfundo rikurikira http://ibukabose-rengerabose.org/contact cyangwa kuri email contact@ibukabose-rengerabose.org .

Imana ibarinde.

JMV NDAGIJIMANA